UMURYANGO W'ABIBUMBYE
Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) zarangije manda zazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.*

# DISIKURU

**POROKIRERI**

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT).*

Lahe, tariki ya 8 Kamena 2020

## Ijambo Bwana Serge Brammertz, Porokireri w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, yagejeje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ku itariki ya 8 Kamena 2020

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Murakoze kumpa uyu mwanya kugira ngo mbagezeho ijambo ku byerekeranye n'ibikorwa by'Ibiro bya Porokireri w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha.

Raporo yanjye yanditse ikubiyemo amakuru arambuye yerekeranye n'ibikorwa byacu, ndetse n'ibyagezweho mu gihe kirebwa n'iyo raporo, ku byerekeranye n'inshingano zacu z'ibanze uko ari eshatu. Uyu munsi ndifuza kwibanda ku ngingo zimwe na zimwe z'ingenzi.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi cyabaye kuva natanga raporo yanjye iheruka ni uko ubu twasoje igikorwa cyo gutahura babiri mu bantu batatu b'ingenzi bari bagishakishwa, bakorewe Inyandiko z'ibirego n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda.

Ku itariki ya 16 Gicurasi, Félicien Kabuga, umwe mu bantu bashakishwaga cyane ku isi uvugwaho kuba ari mu bantu b'ingenzi bagize uruhare runini muri jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri 1994 yafatiwe, i Paris, n'abayobozi bo mu Bufaransa.

Iki gikorwa cyo kumufata cyabaye indunduro y'ingamba zivuguruye zafashwe n'Ibiro nyoboye n'ingufu zongerewe mu bikorwa byacu kuva muri 2016.

Nk'uko nabibabwiye mu maraporo yabanjirije iyi, nyuma yo kubona ko amakuru twahabwaga n'abantu atabaga yagenderwaho, twarahinduye maze dutangira gukora iperereza rireba kure kandi risesengura. Twashyizeho kandi ingamba zihariye kuri buri muntu wese ushakishwa n'ubutabera.

Ku byerekeranye na Kabuga, ibikorwa byacu mu myaka ishize byibanze ku bantu bo mu muryango we baba mu Burayi bw'iburengerazuba twabonaga ko bishoboka cyane kuba ari bo bamufasha. Twifashishije iperereza no gushyira ku ruhande amakuru atadufitiye akamaro, twarushijeho kwibanda ku hantu yashoboraga kuba ari mu Bubiligi no mu Bufaransa.

Mu ntangiriro z’uyu mwaka, twateye intambwe nini. Nyuma yo guhuriza hamwe no gusesengura amakuru menshi twahawe n’inzego z’ubuyobozi zo mu bihugu bitandukanye, twashoboye kubona ko ingendo z’abantu bo mu muryango we zibanda ku gace kihariye gatuwemo kari ahitwa Asnières-sur-Seine.

Nyuma y’ibyo twegereye inzego z’ubuyobozi zo mu Bufaransa zemeza ibyo twakekaga kandi zishobora kumenya neza agace kihariye Kabuga ashobora kuba yihishemo. Dufatanyije, twateguye igikorwa kirimo ubuhanga gihuriweho cyo kumufata cyabaye mu gitondo cyo ku itariki ya 16 Gicurasi.

Ndashimira byimazeyo u Bufaransa n’abayobozi babwo batugaragarije ubufatanye budasanzwe, cyane cyane Urwego rushinzwe kurwanya ibyaha byibasiye inyokomuntu, jenoside n’ibyaha by’intambara, ndetse n’Ibiro bya Porokireri Mukuru w’Urukiko rw’Ubujurire rw’i Paris.

Mu kindi gikorwa gifitanye isano n’ibi, ku itariki ya 22 Gicurasi natangaje ko Ibiro nyoboye byabonye gihamya y’urupfu rwa Augustin Bizimana, wabaye Minisitiri w’Ingabo muri Guverinoma y’Agateganyo akaba n’umwe mu bantu b’ingenzi bashakishwaga kubera uruhare avugwaho rwo kuba mu bayobozi bakuru bayoboye abakoze jenoside yabaye mu mwaka wa 1994.

Kwemeza urwo rupfu na byo byashobotse kubera ingamba zacu zavuguruwe hamwe n’imbaraga twakomeje gushyira mu bikorwa byacu mu myaka mike ishize. Nyuma yo gusuzuma amakuru yose twari dufite, twasanze bishoboka cyane ko Bizimana yaba yarapfuye kurusha uko yaba akiriho. Nyuma y’ibyo, twakoranye umwete kugira tubone ibimenyetso bihamya uwo mwanzuro.

Mu mpera z’umwaka ushize, tubifashijwemo na Raboratwari y’Ingabo za Reta Zunze Ubumwe z’Amerika ishinzwe gusuzuma uturemangingo (ADN) ndetse n’Ikigo cyo mu Buholandi gisuzuma ibimenyetso hifashishijwe ikoranabuhanga, twasanze ibisigazwa by’umubiri we byabonetse i Pointe Noire muri Repubulika ya Congo bihuye n’ibipimo by’icyitegererezo byafashwe kuri nyina wa Bizimana. Nyuma y’ibyo, twakoze igenzura dusanga ibyo bisigazwa bidashobora kuba iby’umwe mu bavandimwe b’igitsina gabo ba Bizimana ku ruhande rwa nyina.

Kubera ibyo rero, twemeje ko Bizimana yapfuye, bityo, mu gihe kidatinze, tuzatanga icyifuzo gisaba ko, kuri we, ikurikiranacyaha rihagarikwa ku mugaragaro.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Ibyagezweho ni umusaruro dukesha imbaraga zacu twese.

Birumvikana ko tugomba kuzirikana mbere na mbere abantu bakorewe ibyaha n’abacitse ku icumu rya jenoside. Icyo tubereyeho ni ukubaha ubutabera basaba. Iyo hatabaho icyizere batugiriye n’inkunga yabo, nta cyo twari kuba twaragezeho.

Uruhare rw’iyi Nama rwabaye kamara. Muri iyi myaka ishize, mwashyigikiye byimazeyo ibikorwa byacu twongeye kubyutsa. Mwahamagariye kandi kenshi ibihugu byose bigize Umuryango w’Abibumbye kugaragaza ubufatanye mu gikorwa cyo gushakisha abantu barezwe bakihisha ubutabera.

Ibihugu bigize iyi Nama ndetse n’ibindi bihugu bigize Umuryango w’Abibumbye na byo byadufashije kubona amakuru twari dukeneye kugira ngo dukomeze iperereza ryacu. Risite y’ibihugu byatanze inkunga y’ingenzi ni ndende ariko buri gihugu cyose gikwiye kubishimirwa.

Bityo rero, mu izina ry'Ibiro nyoboye, ndashimira by'umwihariko abayobozi b'inzego zishinzwe umutekano n'ab'inzego z'ubutabera muri Autriche, mu Bubiligi, muri Repubulika ya Congo, mu Bufaransa, mu Budage, muri Luxembourg, mu Buholandi, mu Rwanda, mu Busuwisi, mu Bwongereza no muri Reta Zunze Ubumwe z'Amerika, ndetse na EUROPOL hamwe na INTERPOL.

Twese hamwe twongeye kugaragaza umusaruro mwiza cyane ushobora kugerwaho binyuze mu bufatanye mpuzamahanga bw'inzego zishinzwe umutekano n'iz'ubutabera.

Mu kurangiza kuri iyi ngingo, ibyagezweho ni ikimenyetso cy'ishimwe ku buhanga n'ubwitange by'abakozi bo mu Biro bya Porokireri bakomeje kugaragaza ubunyamwuga bwo mu rwego ruhanitse.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Nyuma y'ibi twagezweho, tugomba kongera umurego kugira ngo dutahure aho abandi bagishakishwa bihishe kandi tubafate. Ibyumweru bike bishize byaduteye imbaraga nyinshi, dushyize hamwe dushobora kubyubakiraho tugatanga ubutumwa busobanutse ko bose tuzabafata cyangwa tugasobanura irengero ryabo.

Ibiro nyoboye birakomeza gukora iperereza ritanga icyizere. Dufite amakuru yizewe yerekeranye n'aho abantu bose bagishakishwa uko ari batandatu baherereye.

Nk'uko ifatwa rya Kabuga ryabigaragaje neza, ikintu cy'ingenzi kizadufasha kugera ku ntego yacu mu bihe biri imbere ni ubufatanye bw'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye.

Ubu biragaragara neza ko, iyo tuza guhabwa ubufatanye nyabwo kandi butanzwe mu gihe gikwiye muri Kanama 2018, undi muntu ushakishwa n'ubutabera yari kuba yaramaze gutabwa muri yombi. Turakomeza kuganira n'abayobozi b'Afurika y'Epfo, kandi dufite icyizere ko bazasubiza vuba kandi ku buryo bwuzuye ku byifuzo byacu bisaba ubufasha.

Ibiro nyoboye byamaze gusobanura mu maraporo inzitizi duhura na zo mu bijyanye no kubona ubufatanye kubera ko byinshi mu byifuzo twohereza bititabwaho, bityo ntitugire igisubizo duhabwa.

Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe washishikarije ibihugu biwugize gufatanya n'Ibiro nyoboye mu gikorwa cyo gufata abantu bagishakishwa, wunga mu ijwi ry'Inama Ishinzwe Amahoro ku isi yabisabye kenshi. Ibiro nyoboye byizeye ko noneho ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye bizihutira gusuzuma ibyifuzo byacu bisaba ubufasha maze bigakora ku buryo duhabwa inkunga dukeneye.

Abantu bakorewe ibyaha n'abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994 bakeneye ko twese dushyira hamwe imbaraga zose dufite.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Ku byerekeranye n'imanza ziburanishwa mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, raporo yanjye ikubiyemo amakuru arambuye ku bikorwa byacu byose byabaye mu gihe kirebwa n'iyi raporo. Ndongera gutangaza ko twiyemeje gukora ibishoboka byose kugira ngo izi manza zirimo kuburanishwa zirangire vuba.

Bitewe n'icyorezo cya Koronavirusi cyugarije isi, icyemezo cyo gusubukura imirimo ibera mu cyumba cy'iburanisha mu rubanza rwa Turinabo na bagenzi be, urwa Stanišić na Simatović n'urwa Mladić kizafatwa n'Ingereko ziburanisha izo manza. Ibiro nyobora byashimangiye ko twiteguye gusuzuma uburyo bwose bwatuma amaburanisha asubukurwa vuba bishoboka.

Nagira ngo nshimangire ko, n'ubwo imirimo ibera mu cyumba cy'iburanisha yabaye ihagaze, Ibiro nyoboye byakomeje gukora ibikenewe muri izo manza zose bitabera mu cyumba cy'iburanisha.

Twakomeje gutanga Ibyifuzo n'Ibisubizo byinshi, birimo n'Ibyifuzo birebire twatanze mu rubanza rwa Stanišić na Simatović dusaba ko ibimenyetso bishyirwa muri dosiye abatangabuhamya babitanze batagombye guhamagazwa. Twakoresheje kandi icyo gihe dukora indi mirimo irimo gutegura imyanzuro mu rubanza rwa Turinabo no gutegura imyanzuro nsozarubanza mu rubanza rwa Stanišić na Simatović. Ku byerekeranye n'urubanza rwa Mladić, ikipe yacu yakomeje kwitegura ku buryo izashobora guhita itangira gutanga imyanzuro mu magambo igihe hazaba hashyizweho gahunda y'iburanisha mu bujurire.

Bityo rero, n'ubwo hariho icyorezo cya Koronavirusi kandi abantu bakaba bagomba gukorera imirimo mu mago yabo, mu Biro bya Porokireri twakoze ku buryo imirimo yose ikomeza. Ibi tubikesha ahanini abakozi bacu bakomeje kuzuza inshingano zabo zose n'ubwo bahuye n'inzitizi zikomeye.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Nyuma y'ifatwa rya Félicien Kabuga, ni ngombwa kandi ko twibukiranya ko ubutabera butarangirira mu gufata no kuburanisha abakekwaho gukora ibyaha by'intambara.

Ku bantu bakorewe ibyaha hamwe n'abacitse ku icumu mu Rwanda no mu cyahoze ari Yugosilaviya ni ngombwa kandi ko ibyaha bakorewe bigaragazwa kandi abantu bakabyemera.

Birababaje ariko ko, nk'uko nabivuze kenshi mu maraporo nabagejejeho, umuco wo guhakana ibyaha byabaye no gushimagiza abantu bahamwe n'ibyaha by'intambara ukomeje kuba inzitizi ikomeye cyane.

By'umwihariko, mu Banyarwanda batuye mu mahanga, haracyari ibikorwa bihuriweho bigamije guhakana jenoside yabaye mu Rwanda. Abantu bamwe bashyigikira inkuru zipfobya jenoside zigabanya intera yayo. Abandi na bo bakomeje guhakana ko ibyaha byakozwe hagamijwe kurimbura ubwoko bwose bw'Abatutsi cyangwa igice cyabwo.

Umuco wo guhakana ibyaha byabaye no gushimagiza abantu bahamwe n'ibyaha by'intambara ugaragara hose mu cyahoze ari Yugosilaviya, kandi ikibabaje ni uko uko guhakana ibyaha byabaye no gushimagiza abantu bahamwe n'ibyaha by'intambara kenshi bikorwa cyangwa bishyigikirwa n'abanyaporitike hamwe n'abayobozi bakuru bo muri ako karere kose.

Nigeze kubagezaho ko, mu cyahoze ari Yugosilaviya, inzego za poritike zivanga mu mirimo y'ubutabera mu manza z'ibyaha by'intambara. Nk'urugero, mu cyumweru gishize, twiboneye muri Bosiniya na Herizegovina urugero ruteye impungenge rw'uko kwivanga.

Nagira ngo mvuge ko nshyigikiye byimazeyo Ibiro bya Porokireri wa Bosiniya na Herizegovina na Porokireri Mukuru. Twagiye tubona buri gihe uburyo we n'ikipe ayoboye bakora akazi kabo nk'abanyamwuga bagendera ku mategeko agenga imyifatire mu murimo wabo, kandi twizeye ko

bazakomeza gukora iperereza ku bantu bose bakoze ibyaha by'intambara, batitaye ku bwoko bw'ukekwaho icyaha cyangwa umwanya w'ubuyobozi arimo.

N'ubwo urwo rugero rugaragara ku buryo bw'umwihariko, muri ako karere kose, umuco wo guhakana ibyaha byabaye, gushimagiza abantu bahamwe n'ibyaha no kuvanga poritike n'ubutabera bigira ingaruka iteye ubwoba ku bashinjacyaha n'abacamanza kandi bikabangamira ihame ry'ubuyobozi bugendera ku mategeko.

Uyu mwaka tuzibuka ku ncuro ya 25 byinshi mu byaha n'ibikorwa by'ingenzi byabaye mu ntambara zo mu cyahoze ari Yugosilaviya, harimo na jenoside yabereye i Srebrenica. Iyi mihango yo kwibuka ikwiye kuba umwanya wo kwibuka abantu bakorewe ibyaha no kwifatanya mu gikorwa cyo kwamagana abakoze ibyaha by'intambara, ibyaha byibasiye inyokomuntu cyangwa jenoside.

Ibiro nyoboye birahamagarira abayobozi n'abantu bakomeye bose bo muri ako karere gushyira mu gaciro kandi, mu bikorwa byose byo kwibuka bizaba, bagashyira imbere abantu bakorewe ibyaha hamwe n'abasivire bakibababaye. Abayobozi bakwiye kwamagana ku mugaragaro umuco wo guhakana ibyaha byabaye no gushimagiza abantu bahamwe n'ibyaha by'intambara aho kuwushyigikira mu magambo bavugira mu ruhame banakoresha umutungo w'igihugu.

Nyuma y'imyaka 25 ishize, igihe kirageze ngo abantu bacike ku mvugo ya kera kandi hakenewe byihutirwa ubuyobozi buharanira ubwiyunge no kubaka amahoro.

Madamu Perezida, ba Nyakubahwa,

Mu gusoza, ifatwa rya Félicien Kabuga n'iyemezwa ry'urupfu rwa Augustin Bizimana byasoje ibikorwa cyo gutahura babiri mu bantu batatu b'ingenzi bari batarafatwa. Ibiro nyoboye ubu biribanda cyane ku gikorwa cyo gutahura aho Protais Mpiranya, undi muntu w'ingenzi ugishakishwa, yihishe kimwe n'abandi bantu batanu batarafatwa.

Nk'uko ibintu biherutse kuba byongeye kubigaragaza, habayeho ubufatanye, bwa nyabwo kandi butangiwe ku gihe, bw'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye, abo bantu bagishakishwa bashobora gufatwa. Ibiro nyoboye birategura ibyifuzo bisaba ubufasha, kandi bizavugana n'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye birebwa n'ikibazo kugira ngo bisabwe gutera inkunga.

Kimwe na mbere, ubu ni ngombwa cyane gutanga ubutumwa bwibutsa ko ubufatanye n'Ibiro nyoboye atari inshingano iteganywa n'amategeko gusa, ko ahubwo ari umwenda dufitiye abantu bakorewe ibyaha hamwe n'abacitse ku icumu.

Dukomeje kandi intego yacu yo kurangiza indi mirimo yacu neza mu buryo bunoze kandi bwuzuye. N'ubwo hariho icyorezo cya Koronavirusi, twashoboye gukora ku buryo imirimo ikomeza kandi turakomeza gukorana umurava imirimo ikenewe yerekeranye n'imanza ziburanishwa mu rw'iremezo no mu bujurire.

Kuri iyi ngingo, Ibiro nyoboye birashima Ibiro bya Serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye kuba byaremeye ko dushyigikiye igitekerezo cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi gisaba ko IRMCT iba "urwego ruto rudahoraho kandi rukora neza". Ibiro bya Serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye byashimye imikorere yacu n'uburyo bushya burimo gahunda yo gushyira

abakozi mu myanya ishobora guhinduka bitewe n'urwego rw'ibikenewe mu gikorwa runaka kidahoraho, ariko hakoreshwa umubare muto w'abakozi.

Turashimira cyane iyi Nama kubera inkunga ikomeza kudutera mu mirimo yacu yose. Mwakoze kuntega amatwi.

****

**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**
**Ibiro by'Ubushinjacyaha**
Tel.: +31 (0)70 512 5278
Dukurikire kuri Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
www.irmct.org